**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**RP 00047 /2022/TGI/RSZ**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00007.../2022/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri, umunsi wa 27 w'ukwezi kwa Nzeli;

Twebwe **NTIRENGANYA Fabien,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru rukiko uwitwa, **NGIRENTE Jean** mwene Bakinamurwango Martin na Nyirambarushimana Xaverine, yavutse mu mwaka wa 1978, utuye mu mudugudu wa KABUCUKU, Akagari ka CYINGWA, umurenge wa GITAMBI, Akarere ka RUSIZI, Intara y'Iburengerazuba, ufite indangamuntu: 1197880049326093 ni umunyarwanda, yashakanye na Nyirahabimana Jeanne, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera;

Tumaze kubona ko ikirego cy'ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko kigahabwa n° **RP 00047/2022/TGI/RSZ**, ubushinjacyaha bukurikiranyeho **NGIRENTE Jean,** ubufatanyacyaha mu cyaha cyo gukubita no gukomeretsa umuntu ku bushake icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo za 2 al4,84, 121 y'itegeko numero 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange hamwe n'icyaha cy'ubufatanyacyaha mu cyaha cy' ubwinjiracyaha mu ubujura bukoreshejwe kiboko cyangwa ibikangisho giteganywa kandi kigahanishwa ingingo za , 2 al4,84, 21, 168 z'itegeko numero 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange,

Dushingiye ku ngingo za 160, 161 n'iya 162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko **NGIRENTE Jean** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **07/11/2022** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**NTIRENGANYA Fabien**
**UMUCAMANZA**

**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**
**UMWANDITSI**